NTAGAHORAHO ANACLET
C/O C.F.J TYAZO
C Y A N G U G U.

Tyazo, ku wa 26/4/1999

A traiter par ...
Date entrée : 04/5/99
N° Classement : 600/81

Impamvu: Gusaba gusubizwa mu kazi.

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.
K I G A L I

Nyakubahwa Minisitiri,

Maze kubona ibaruwa yanyu n° 1264/21.10 yo ku wa 15/4/1999, imenyesha iseswa rya kontaro y'akazi nari naragiranye na Minisiteri muyobora;

Nifuje kubandikira mbasaba ko ayo masezerano yagumaho, ngasubizwa mu kazi ko kwigisha mu Kigo cy'Urubyiruko C.F.J cya TYAZO.

Nyakubahwa Minisitiri, ku wa 10/2/1999 nafashwe n'Ubuyobozi bw'Ubugenzacyaha, ndegwa ko naba narafashe umwana w'umukobwa w'imyaka 14, ndafungwa ariko hagikorwa iperereza rirambuye. Ku wa 26/4/1999 narafunguwe, mpanaguweho icyaha kuko basanze ari ibinyoma. Rero mu by'ukuri raporo Umuyobozi w'Ikigo C.F.J yankozeho nta shingiro ifite, dore ko yanayikoze atabanje kugisha inama Ubuyobozi bw'Ubugenzacyaha bwo bwashoboraga kumuha inkuru y'imvaho koko. Ikindi nakongeraho n'uko nta kibazo nigeze ngira ku kazi nari nshinzwe muri icyo Kigo.

Mbashimiye, Nyakubahwa Minisitiri uko mwakira icyifuzo cyanjye, n'igisubizo muzampa.

NTAGAHORAHO ANACLET.

Bimenyeshejwe:

- Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.
  K I G A L I
- Minisitiri w'Imari n'Igena migambi
  K I G A L I.
- Umuyobozi w'Ikigo cya C.F.J
  TYAZO.